

REPUBLIKA Y’U RWANDA



INTARA Y’AMAJYEPFO

AKARERE KA HUYE

BP: 35 Butare/Tél : 530362/Fax : 530355

E-mail: huyedistrict@yahoo.fr

URWEGO RW’UBUZIMA MU KARERE KA HUYE

Akarere ka Huye gafite ibigo by’ubuvuzi 28 birimo ibitaro by’Akarere, ibigonderabuzima 17 na postes de santé 8.

By’umwihariko, mu Karere ka Huye habarizwa n’ibitaro bya Kaminuza (CHUB), Ishami ry’Ibitaro bivura indwara zo mu mutwe (CARAES Kabutare) n’Ibitaro bifasha abazahajwe n’Ibiyobyabwenge (Rahabilitation Center) .

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza aho ibyo bigo by’ubuvuzi n’Imirenge biherereyemo:

NO	UMURENGE	IKIGO NDERABUZI MA	IBITAR O BYA REFERE NCE	IBITA RO	IBIGO NDERABUZIM A	HEALTH POSTS	DISPEN SAIRE
1.	MBAZI	MBAZI			1		
2.	RUSATIRA	RUBONA			1		
3.	RUHASHYA	RUHASHYA			1	1	
4.	KARAMA	KARAMA			1		
5.	MUKURA	MUKURA			1		
6.	TUMBA	RANGO			1	1	
7.	KINAZI	RUSATIRA			1		
8.	NGOMA	CHUB	1				
		REHABILIT ATION CENTER	1				

NO	UMURENGE	IKIGO NDERABUZI MA	IBITAR O BYA REFERE NCE	IBITA RO	IBIGO NDERABUZIM A	HEALTH POSTS	DISPEN SAIRE
		CARAES/ KABUTARE	1				
		HOPITAL KABUTARE		1			
		PRISON KARUBAND A					1
		MATYAZO			1		
		POLICE			1		
		CUSP			1		
9.	GISHAMVU	BUSORO- GISHAMVU			1	1	
10.	KIGOMA	KINYAMAK ARA			1	1	
11.	RWANIRO	RWANIRO			1	1	
12.	HUYE	SOVU			1	1	
13.	SIMBI	SIMBI			1	1	
14.	MARABA	MARABA			1		
IGITERANYO			3	1	16	7	1

Imirenge itatu : Mukura, Maraba na Rwaniro ntibyagiraga ibigo Nderabuzima, mu gihe Umurenge wa Ngoma wo wari ufite ibigo Nderabuzima3 (Ikigo Nderabuzima cya CUSP, Matyazo na Police).

Ibibigo Nderabuzima 16 byose ntabwo byari bimeze neza kuko hari serivisi nyinshi zitabonekagamo ndetse bifite n'inyubako zishaje cyane.

Mu mwaka wa 2015 Akarere ka HUYE gafite ibigo Nderabuzima 16, Ibutaro by'Akarere bya Kabutare, kuko bigaragara mu Mbonerahamwe ikurikira:

- Ø Ku bufatanye n'umushinga« Global Fund » hubatswe inzu 15 zipimirwamo SIDA (VCT) mu bigo Nderabuzima n'ibitaro.
- Ø Hubatswe inzu 15 zo kubyariramo(Maternité) mu bigo Nderabuzima n'ibitaro.
- Ø Hubatswe farumasi y'Akarere kugira ngo ibitaro n'amavuriro bibone imiti hafi.

Kugira ngo ibigo Nderabuzima n'ibitaro bikore neza hubatswe inzu y'imiti(Pharmacie) bityo imiti ikaboneka byoroheye ibitaro n'ibigo Nderabuzima.

Farumasi y'Akarere

- Ø Hakozwe ubukangurambaga mu baturage kugira ngo bitabire serivisi zinyuranye z'ubuzima. Ibi biragaragaza kandi urugendo rurerure Akarere kari gafite mu kuzamura imyumvire y'abaturage nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

Serivisi	2006	2015
Kuringaniza urubyaro (PF)	Munsi ya 5 %	54%
Kubyarira kwa muganga	Munsi ya 50 %	99.1%
Ubwisungane mu Kwivuza (mituelle)	Munsi ya 20 %	80%
Gukingira abana	76%	96%
Kurwanya imirire mibi	Hejuru ya 15 %	0.5%
Umubare wa Doctors	Munsi ya 5	Barenga 15

Byumwihari ko mu rwego rwo gufasha abaturage kugira ubuzima bwiza ni ngombwa ko ubwitabire mu bwisungane mu kwivuza bushinga imizi, bityo hakozwe ubukangurambaga mu byiciro byose by'abaturage hagamijwe kubafasha kwibumbira mu bimina , amashyirahamwe kugira ngo babone ubushobozi bwo gutanga imisanzu mu kwivuza. Ikigikorwa kikaba cyari kigoye cyane dore ko mu mwaka wa 2006 ubwitabire mu kwivuza bwari hasi cyane (MUNSI YA 10 %) ariko kuko bigaragara mu mbonera hamwe ikurikira ubwitabire bwariyongereye ebishimishije ukurikiranye n'ubushobozi bw'abaturage n'ubwo inzira ikindende.

Ubwitabire mu bwisungane mu kwivuzwa bwavuye munsya 50% muri 2006 bugera kuri 84% mu mwakawa2015.

Mu buzima ibyakoze ni byinshi cyane , mu gihe mu mwaka w'2006 abaturage batabona serivisi zose mu karere, ubuserivizosezihabwaaaturage. Ibi bigaragazwa n'uko buri murenge wose ufite Ikigo Nderabuzima, hari ibitaro bibiri kandi byaravugurwe kuko byavuzwe haruguru. Hubatswe "Postes de santé" kugira ngo abaturage babone serivisi hafi yabo badakoze urugendo rurerure. Izi "poste de santé" zikaba zubatswe mu Tugari tutegereye ikigo Nderabuzima. Hakoze ubukangurambaga bushimishije kugirango abaturage bitabire serivisi z'ubuzima aho ubwisungane mu kwivuzwa bwavuye kuri 7 % bugera kuri 83 %, kuboneza urubyaro biva kuri 2.4 % bigera kuri 54 % , gukingira abana biva kuri 76 % bigera kuri 96 %.





